

MICT-12-25
19-01-2015
(734 - 685)

734
ZS

**URWEGO RUSHINZWE KURANGIZA IMIRIMO Y'INKIKO MPANABYAH
MPUZAMAHANGA (MICT)**

MBERE YA : JUJI THEODOR MERON, PEREZIDA

AHAGARARIWE NA : JOHN HOPKING, GREFFIYE

KUWA : 28 UKUBOZA 2014

DOSSIER UWINKINDI JEAN MICT -12-25

**IKIREGO CYA BWANA JEAN UWINKINDI GISABA KO URUKIKO RWA KWISUBIZA
URUBANZA MICT -12-25**

INTANGIRIRO

1. Ku itariki ya 16 Nzeri 2013, twashyikirije ikirego cyacu Juji Perezida, Bwana Théodor Meron aho twasabaga ikurwaho ry'icyemezo cyo kohereza Urubanza Ubushinjacyaha buregamo UWINKINDI JEAN mu Rukiko Rukuru urugereko ruburanisha ibyaha mpuzamahanga, ikirego cyanditswe kuri RP0002/HCC/2013;

Received by the Registry
Mechanism for International Criminal Tribunals
19/01/2015 09:00

Anamalaf.

J u

2. Mu cyemezo cyafashwe kuwa 12 Werurwe 2014, Juji Perezida yanze kwakira icyo kirego cyasabaga gutesha agaciro iryo yoherezwa ariko ntiyabuza ko hazatangwa ikindi kirego cyongera gusaba ibyo twavuze haruguru;
3. Ni muri urwo rwego twongeye gutanga ikirego gishya cyane ko byagaragaye ko ibibazo by'amafaranga y'iperereza ,igihembo cy'Abavoka n'ibindi bibazo birebana nabyo bishobora kugira ingaruka ikomeye ku birebana n'ingengabihe, bikagira ingaruka ryo gutegura imyiregurire yacu ndetse no kw'ihamagazwa ry'abatangabuhanya bashinja bigaragara ko bitizweho neza¹;
4. Ubu ngubu hashize amezi icyenda ibyo bibazo bitarabonewe umuti n'ubwo uruhande rwiregura rutahwemye gukomeza kubyibutsa
5. Ikindi gitangaje kandi ni uko ku itariki ya 22 Ukuboza 2014, Abunganizi bangye bongeye gutungurwa n'icyemezo kidakwiye kandi kibogamye cyategekaga iseswa ry'amasezerano yo kunyunganira no kumpagararira imbere y'ubutabera yabaye tariki ya 1 Ugushyingo, 2013 hagati yabo n'Urugaga rw'abavoka mu Rwanda hari Minisiteri y'Ubutabera²;
6. Kubwa rwa Minisiteri, icyo cyemezo cyatewe n'uko uruhande rw'ushinjwa rwanze ko amasezerano yariho, yahindurwa;

¹ Icyemezo cyafashwe cyo gusaba gutesha agaciro icyemezo cyo kohereza urubanza imbere y'ubutabera bw'Urwanda, cyafashwe kuwa 12 Werurwe, 2014, ku rupapuro rwa 3, 428/BIS, urubanza MICT -12-25

² Kubw'icyo kibazo, wareba ibaruwa 2185/08 MOK/LSD yanditswe n'umunyamabanga uhoraho yandikira Minisiri w'ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta yungirije.

7. Kubw'ibyo kandi ndagirango nibutse ko isinywa ry'ayo masezerano ryatewe n'uko abavoka banje cyane bishingiye ku gihembo bahabwaga kirimo guhendwa gukabije;
8. Ibindi biganiro byakurikiyeho, byatewe n'amasezerano y'ubwumvikane hagati y'impande zombi yabaye ku itariki ya 1 Ugushyingo 2013 yanaje gushyirwa mu bikorwa uko ari nkuko byemejwe n'impande zombi yaje guseswa mu buryo butubahirije amategeko kuwa 22 Ukuboza 2014;
9. Ku masezerano akurikije amategeko kandi yumvikanyweho n'impande zombi (Aha ndashaka kuvuga hagati y'Urugaga rw'abavoka mu Rwanda n'abunganira ushinchwa hari n'ubushinjacyaha), kugeza ubu ntabwo numva impamvu y'iryo seswa;
- 10.N'ikindi kandi, nyuma yo gusuzuma neza ibikubiye muri icyo cyemezo kidakurikije amategeko nkuko byasobanuwe haruguru, biragara neza ko cyafashwe n'umuntu utabifitiye ububasha ndetse kandi yirengagije cyane uburenganzira bwacu bw'ibanze, cyane cyane ku birebana n'uko ushinchwa yemererwa abamwunganira n'abamuagararira yihiityemo, hiyongereyo kandi n'ingaruka bizatera ku migendekere y'iburanisha by'umwihariko ku kugira uburenganzira bungana bw'ababuranyi no guhabwa ibimenyesto mu buryo bwemewe ;

11.Urebye iryo hungabanywa ry'uburenganzira rifite ingaruka zikomeye ku birebana n'imigendekere myiza y'urubanza imbere y'inkiko z'Urwanda bishingiye ku bubi bw'icyo cyemezo cyafashwe na Minisiteri cyane cyane ku bireba na n'itinzwa ryo kongera kubona ibyangobwa birebana n'iperereza, kongera kubona ibyakozwe hagati y'abatangabuhanya bashinjura n'abajyanama banje mu birebana n'amategeko; ari naho twongera gushingira cyane dusaba ko ko ico cyemezo cya teshwa agaciro kugirango ngire amahirwe yo kuburanira imbere y'ubutabera bwubahiriza amahame mpuzamahanga y'ubutabera;

12.Ikindi kandi, mu rwego rwo gushyikira ubusabe bwacu bushya, mu rwego rw'amategeko turabisobanura mu buryo bukurikira:

II. Icyemezo cyafashwe na Minisiti w'Ubutabera cyo gusesa amasezerano urwo rwego rutashyizeho umukono, bibangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 64 y'itegeko rigenga amasezerano ndetse kandi kinabangamiye uburenganzira bw'ibanzo bw'ushinjwa, aho yemererwa n'amategeko uburenganzira bwo guhabwa umwunganira n'umuhaararira mu rwego rw'amategeko kandi yihitiyemo;

13.Impande zombi muri ayo masezerano zigizwe ku ruhande rumwe, n'urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, rwari ruhagarariwe na Me Rutabingwa Athanase, ku rundi ruhande hari abunganira Jean Uwinkindi, bagizwe na

Me Gatera Gashabana nk'umwunganizi mukuru na Me Niyibizi Jean Baptiste, nk'umwunganizi wungirije³;

14. Minisiteri y'Ubutabera ntabwo iri mu basinyanye amasezerano. Uruhare uru rwego rwagize ni uko yo masezerano yasinyiwe imbere yarwo nk'umuterankunga;
15. Iribazo gikomeye kibazwa, ni ububasha bw'uru rwego uko rwaba rwubashywe kose ntabwo amategeko arwemerera gusesa amasezerano kandi Atari mubayagiranye. Ese ibi si ukwica ihame ryo kwiyemerera ku bushake mu masezerano n'ibyerekeranye n'andi masezerano?
16. Turabasaba rwose ko icyo cyemezo mwagitesha agaciro nkuko amategeko abiteganya cyane ko bitabaye cyaba intandaro y'akarengane nkuko bigaragarira buri wese;
17. Ikindi kandi ni uko ingingo ya 18 agaka kayo ka 3 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'Urwanda iteganya ko kumenyeshwa imiterere n'impamvu z'icyaha ukurikiranyweho, kwiregura no kunganirwa ni uburenganzira budahungabanywa mu bihe byose, ahantu hose, mu nzego zose z'ubutegetsi, iz'ubucamanza n'izindi zose zifata ibyemezo;
18. Ibyo biteganya n'itekekonshinga, byongera gushomangira uburenganzira ntavogerwa bwo kwiregura, kandi nabyo bikaba bishingira ku mategeko mpuzamahanga, Urwanda narwo rwashyizeho umukono, cyane cyane

³ Reba ku rupapuro rwa 1, 2 n'urwa 5 rw'amasezerano yo kunganira no guhagararira mu butabera yashyizweho umukono n'impande zombi kuwa 1 z'Ugushyingo 2013.

nk'ingingo ya 14 .3 y'amasezerano mpuzamahanga arebana n'iyubahiriza ry'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye⁴, ingingo ya 7 y'Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage n'ingingo ya 14 y'itegeko rigenga iyoherenzwa ry'imanza, zishimangira uburenganzira bw'ushinjwa mu kugira umwunganira mu mategeko⁵;

- 19.Kuba kuwa 22 Ukuboza 2014, Umunyamabanga Uhoraho wa Minisiteri y'Ubutabera akaba n'Intumwa ya Leta yungirije, yaratinyutse gusesa amasezerano hagati y'Urugaga rw'Abavoka, yishe amategeko aha uburenganzira buri wese bwo kugira umwunganira kandi yihiityemo;
- 20.Hashingiwe kuri iryo hungabanywa ry'uburenganzira bwibanke bwa muntu, biragaragaza ko hari ishingiro rikomeye rw'ubusabe bwacu;
- 21.Icyi kibazo kiri mu bubasha bw'urwego rushinzwe kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga , bivuze ko yuko icyemezo cyafashwe yuko nakwoherwa mu Rwanda kigomba kuvanwaho, Urwego rwavuzwe haruguru rukisubiza Urubanza MICT 12-25 ..

⁴ Ingingo ya 14.3 y'amasezerano mpuzamahanga arebana n'iyubahiriza ry'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye

⁵ Ingingo ya 7.C y'Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage

III. Icyemezo cyafashwe na Minisiteri y'ubutabera cyavukije ushinchwa guhabwa ubufasha bukwiriye imbere y'ubucamanza bwo kwiregura

- 22.Mu gihe cyo kohereza uru rubanza, abayobozi b'Urwanda n'Urugaga rw'Abavoka rwa Kigali, mu cyiswe **INSHUTI Z'URUKIKO(AMICUS CURIAE)**, imbere y'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho Urwanda, biyemeje kuzatanga ubufasha n'ubutabera bwiza kandi bwiuse ku ushinchwa wese, ari nabwo Urugaga rw'Abavoka rwa Kigali rwatanze abavoka babili badufashije imbere y'amategeko mu buryo bushoboka bwose ariko ubu bakaba batakibashije gukomeza imirimo bakoraga bitewe n'icyemezo cyafashwe na Minisiteri y'Ubutabera gishingiye ku kutubahiriza amasezerano ku ruhande rw'Abategetsi b'URwanda banze gukomeza gutanga ubufasha nkuko babisezeranije;
- 23.Kugirango kandi bisobanuke neza, ndagirango nshimangire k'ushinchwa atigeze ashidikanya k'ubushobozi, ubunyangamugaho n'ubunariribonye bw'abavoka yari yihiiyemo ;
- 24.Kubw'ibyo rero, asanga, nta mu avoka n'umwe uzabasha kumuburanira mu buhanga no mubunyangamugayo bukwiriye nkuko byasezeranije na Minisiteri y'Ubutabera;
- 25.Ku ruhande rwa Repubulika y'Urwanda, ibi biragaragaza ukudaha agaciro ibyo biyemeje ku birebana no gutanga ubufasha muby'amategeko, aribyo bishimangira impamvu dusaba gutesha agaciro icyemezo gisesa

amasezerano ndetse tukanasaba ko Urukiko Rukuru rwakwamburwa ububasha bwo kuruburanisha;

a. Ku birebana n'uko Urwanda rutubahiza ibyo rwiyemeje ku bufasha mu by'amategeko bugenerwa ushinjwa

26.Mu gihe urugereko rwambere rwafataga icyemezo cyo kohereza uru rubanza mu Rwanda, rwari rwizeye nta gushidikanya ko uburenganzira bwanje bw'ibanke bugomba kuzubahirizwa mu Rwanda;

27.Urwo Rukiko rwari rwongeye kwibutsa no gushimangira inshingano z'ubushinjacyaha n'iz'Urugaga rw'Abavoka rwa Kigali, kuburyo izo nzego ebyiri nazo zagomba kwizeza neza ko ubwo burenganzira bwo kugira unyunganira mu mategeko, budateganywa gusa n'amategeko y'Urwanda ahubwo ko n'izo nzego zifasha mu gutanga abafasha mu by'amategeko ndetse n'ubushobodzi bw'amafaranga bukaba buhagije;

28.Reka twongere twibutse ko uwari ufile gukurikirana iki gikorwa wenyine yari Urugaga rw'Abavoka rwa Kigali, kandi rwabikoraga neza;

29.Kubw'ibyo, Urugereko rwa mbere rwagaragaza ko rwemera ko amafaranga yateganirijwe icyo gikorwa ahari kandi ahagije aho rwanavugaga ko ari cyo kibanze kugirango ubwunganizi mu mategeko bugende neza, ariko kandi rwanumvishwaga ko ubufasha mu by'amategeko ku bantu batishoboye, bukora kandi butangwa neza mu Rwanda;

- 30.Nyamara urwo Rugereko rwambere rwongeye kwibutsa no gushimangira ko Urwanda nirudateganya kandi ngo rugaragaze amafaranga ahagije ateganirijwe icyo gikorwa kuburyo byagira ingaruka ku burenganzira bw'ibanze bw'ushinjwa, icyemezo cyo kohereza uru rubanza kizakurwaho hashingiwe ku ngingo ya 11 bis y'itegeko regenga imiburanishirize n'ibimenyetso;
- 31.Ku ruhande rw'urugereko rw'ubujurire, narwo rwemeje ko nta kosa Urugereko rwa mbere rwakoze aho rwemeje ko ikizere cyatanzwe na Minisiteri y'Ubutabera mu Rwandanda ndetse n'Ubunyamabanga bw'Urukiko rw'Ikirenga kubirebana n'amafaranga agenewe iki gikorwa, ko ari nta makemwa kandi ko ahari;
- 32.Biragaragara neza ko icyemezo cyafashwe n'urugereko rw'ubujurire, abacamanza b'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho Urwanda, rwari rwemeye neza ko Urwanda rwamaze guteganya amafaranga ahagije agenewe iki gikorwa cyo kunganira Uwinkindi Jean imbere y'inzego z'ubutabera mu Rwanda;
- 33.Igitangaje ni uko bigaragara neza ko ibyavugwaga bihabanye kure n'ukuri;

- 34.Iyo wongeye rero gusesengura icyemezo cyafashwe na Minisitere aho yasheshe amasezerano yashyirwaga mu bikorwa n'inzego ebyiri arizo Urugaga rw'Abavoka n'abavoka bunganira ushinchwa, bigaragaza ko impamvu nyamukuru yari inyuma y'icyo cyemezo kitagaragaza ubunyamwuga, ari uko Minisiteri yasanganga amafaranga agenerwaga iki gikorwa itari igishoboye kuyabona dore ko binerekana ko byari bimaze kurenga ubushobodzi bwayo;
- 35.Kuri iki kibazo, Minisiteri isa nishaka kugaragaza mu ibarwa yanditse ko yashakaga guhuza politike igenga amasezerano y'ubufasha mu by'amategeko muri rusange, igahuzwa n'ubufasha bwagenewe ushinchwa muri uru rubanza, aho basobanura ko bigamije gubaha no gushyigikira ihame ryo guhemba ku buryo bungana muri iyo Minisiteri;
36. Reka twongere dushimangire ko ibyo banditse muri iyo barwa twavuze haruguru bavuga bihabanye cyane n'icyemezo cyafashwe n'urugereko rwa mbere rw'urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriwe Urwanda, cyaje no kwemezwa kandi n'Urugereko rw'ubujurire rw'urwo rukiko, cyemezaga ko hagomba guteganywa amafaranga n'ubushobodzi bihagije bigomba kugenerwa uruhande rwunganira ushinchwa;

A handwritten signature consisting of two stylized letters, possibly 'J' and 'U', written in black ink.

37.Tugendeye rero kukibazo kirebana n'ubushoboz buke bwamaze kwigaragaza kuburyo ushinzwa atakibashije guhabwa abamwunganira mu rwego rw'amategeko kandi we ubwe yihiiyemo, biragaragara ko icyemezo cyafashwe na Minisiteri kirenganya kandi cyuzuyemo ukudakurikiza amategeko, ari nayo mpamvu dukomeza kugisabira ko cyateshwa agaciro kandi twongera no gusaba ko icyemezo cyo kohereza uru rubanza cyakurwaho;

38.Ibyo byose bikaba bishimangira ko hari ubushoboz rwose budahagije ku kirebana n'amafaranga agenerwa uruhande rwunganira ushinzwa. Kubera izo mpamvu zose rero twakomeje kugaragaza haruguru, birumvikana neza ko hari impamvu zifatika zituma dusaba ko icyo cyemezo cyakongera gusuzumwa neza n'impande bireba;

b. Ikibazo kirebana n'uko amafaranga yagenewe uruhande rwunganira ushinzwa adahagije.

39.Ugendeye ku mushinga w'amasezerano mashya wateguve na Minisiteri y'ubutabera waje no kwangwa ku buryo budasubirwaho n'uruhande rw'unganira ushinzwa, biragaragara ko umubare w'amafaranga yishyurwa muri rusange ari 15.000.000 y'amafaranga y'Urwanda, ni ukuvuga 15.000 y'amafaranga akoreshwa mu bihugu by'iburayi, yakagombye kuba yarakoreshejwe mu gihe cy'ubugenzacyaha n'ubushinjacyaha, ndetse akaba

ari uwo mubumbe wa 15.000.000 Frw akomeza gukoreshwa mu Rukiko haba mu rwego rwa mbere no mu bujurire;

40.Icyo tugirango twongere kugaragaza aha ngaha, ni uko ikibazo Atari ukuba gusa uwo mushinga ubangamiye amahame mpuzamahanga arebana n'uburenganzira bwo kwiregura imbere y'ubutabera, ariko kandi nta n'ubwo ayo mafaranga ahagije kugirango afashe ushinchwa kubona uko yiregura bikurikije amategeko cyane cyane mu byaha nk'ibya genoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu. Aha turashingira ku ibaruwa abanyunganira mu mategeko bandiye bandikira Minisiteri y'Ubutabera ku itariki ya 12 Ukuboza 2014, aho bagaragazaga ko umushinga watanzwe n'iyo Minisiteri udakwiye kandi utanakurikije amategeko;

41.Muri make, turagirango tugaragaze ko iki kibazo gikomeye cyane. Ibi kandi byatangiye kuva ushinchwa yakohereza mu Rwanda dore ko ubu imyaka igiye kuba itatu.

42.Ikindi kandi tugirango dushimangire ni uko, no mu masezerano yashyirwaga mu bikorwa, amafaranga yagenewe abanyunganira yashoje impaka nyinshi bitewe n'uko Atari ahuye n'ayakagombye kwishyura mu manza nk'izi;

43.Muri make, iyo usuzumye neza ibiteganywa n'ingingo ya 3 y'amabwiriza shingiro yerekana uruhare rw'urugaga rw'abavoka (Amabwiriza arebana n'Urugaga), ubutegetsi bwite bwa Leta nibwo bugomba guteganya amafaranga ahagije ashobora gufasha gutanga ubutabera bunoze ku bantu batishoboye ndetse n'abandi bose bakeneye ubwo bufasha;

44. Mu mushinga mushya, abategetsi b'Urwanda bashaka ko bahindura amafaranga n'ubushobozzi bemeye gutanga, bakabyemererera imbere y'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho Urwanda, byerekana neza ko ari ugushaka kwica nkana inshingano biyemeje mu gihe cyo kohereza uru rubanza, iindi kandi bikaba binabangamiye cyane amahame mpuzamahanga agenga ukwiregura imbere y'ubutabera ari nayo mpamvu twongera gusaba ko icyo cyemezo cyo kohereza uru rubanza, cyateshwa agaciro;

c. Kubirebana no kwivanga gukabije byakozwe na Minisiteri y'Ubutabera munshingano zireba Urugaga rw'Abavoka

45. Hagendewe ku mwanzuro wo kohereza, wemejwe n'icyemezo cyo mubujurire. Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda nirwo rwarikuba umuyobozi (umugenzi) mukuru w'ubufasha mu by'inkiko .

46. Twatunguwe no kubona mu ibaruwa yo kuwa 22/Ukuboza/2013, Minisiteri y'Ubutabera ikandagira inshingano zayo, ntiyubahiriza igitekerezo cyari mu masezerano yabaye kuwa 01/Ugushyingo/2013.

47. Hakurikijwe ku mahame agaragaza inshingano z'Urugaga ku gace ka 25, amashyirahamwe y'umwuga y'abavoka ashyirahamwe n'inzezo za Leta mu gushaka ko buri wese yabona uburenganzira mu buryo bureshya ku bijanye na serivisi z'iby'amategeko, n'ubufasha ku ba kiriya babo hashingiwe ku mategeko, n'amabwiriza y'umwuga nkuko bigengwa n'imyitwarire y'umwuga.

- 48.Tukiri aha, Urugaga n'ubwo ari umwe mubagiranye amasezerano, ntirwigeze rugira uruhare mu cyemezo cyafashwe na Minisitere.
- 49.Ikirenze kuri ibyo, uregwa yabonye ko Ministeri y'ubutabera yabogamye kandi inyungu zayo bwite ntizagombaga kuragarira gusa mu kugenzura (mu gucunga) ubufasha mu by'amategeko byagenewe uregwa, ahubwo akazi ka Minister kari kugarukira mu gutanga amafranga gusa.
- 50.Mu byukuri, hariho kugongana kw'inyungu hagati ya Ministere n'abunganira uregwa.
- 51.Kuva uregwa yakoherezwa, Ministeri y'ubutabera yagiye burigihe irwana no kugaragaza kugabanya ku buryo bugaragara amafranga agenewe abunganira uregwa kugeza igihe bizagera aho basimburwa mu rubanza mugihe aba batazemera igihembo izaba yabageneye. Ibaruwa yo kuwa 22/Ukuboza 2014 yerekana urugero rudashidikanyaho y'icyo Minisiteri igamije mu kumbuza uburenganzira bwo kunganirwa no guhagararirwa n'abajyanama twihitiyemo kubera impamvu zuko yanze gukurikiza ibiciro ibiteganywa kurwego mpuzamahanga.
- 52.Nyuma twatunguwe no kubona Urugaga , kandi ari rumwe muba giranye amasezerano, rushobora kugira ijambo rito cyane muri icyo gikorwa kidakurikije amategeko cyo gusesa amasezerano.
- 53.Hagendewe kubyitbwaho mu kirego cya mbere cyatanzwe n'abajyanama b'uregwa bitahawe agaciro**

III. Kureshya (Gufatwa kimwe) hagati y'abarega n'abiregura ntibyahirijwe.

54. Ingingo ya 14.1 y'itegeko rijyanye no kohereza ryemerera abaregwa bose uburenganzira bwo kwiregura (kumvwa) mu ruhame kandi kuburyo buboneye. Iryo hame rinateganywa kandi n'ingingo ya 14.1 y'amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'ibanze bwa muntu n'ubwa politiki. Ibyo kandi binateganywa na Komite y'Uburenganzira bwa Muntu kuko nayo yemera ko ababuranyi bose bafatwa kimwe muri byose kandi yibanda cyane ko ababuranyi mu miburanire yabo ntihagaragaremo ivangura iryo ariryo ryoze.

55. Bisanzwe bizwi ko kwemera ko ababuranyi bose bareshya bitavuga ko uruhande rushinja n'urushinjwa (Nurwiregura) zigomba kugira ibimenyetso bihuye mu buryo bufatika n'ubwagihanga. Nyamara iyo urebye itandukaniro (intera) iri hagati y'ibikoreshwa n'uruhande rurega muri uru rubanza bigaragazako urubanza ruboneye rudashobaka.

56. Mbere y'uko uru rubanza ruburanishirizwa mu Rwanda , rwabanje kunyuzwa imbere y'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda. Amaperereza yose yakozwe n'ubushinjacyaha bw'urwo Rukiko bwujuje dosiye mbere yo kuyishyikiriza ubuyobozi bw'u Rwanda bubifitiye ububasha.

Ibiro by'umushinjacyaha w'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda byagaragaje amakuru yose ya ngombwa ku bushinjacyaha bwu Rwanda na Guvernoma y'u Rwanda iramutse ibishatse

ishobora kubona ubufasha buri tekinike ku ngamba . Icyiyongereyeho , Ubushinjacyaha Bukuru bwasyizeho abanyamuryangao babiri mu biro by'Umushinjacyaha w'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda kugirango bafashe kandi bagire inama mu bijyanye n'imanza zoherezwa.

57.Ku rundi ruhande rw'uwiregura nta buryo na bumwe rufite , nta bufasha na bumwe . Abajyanama b'uregwa bisanze bagaragarizwa ntayandi mahitamo bafite y'uburyo bwo kwishyurwa nkuko bisabwa mu mategeko mpuzamahanga cyangwa mu mabwiriza y'urugagaga rw'Abavoka ashiraho ibiciro ntan'ubundi buryo wabona ngo ugaragaze uruhande rwawe utabyemera amasezerano agaseswa kubera ibyo gusa.

58.Ikirenze kuri ibyo, nta bushobozi afite bwo kumufasha kuba yakoresha amaperereza cyangwa ubushobozi bwakwishiura ibyo abakeneye byangombwa. Nta bakozi b'abafasha bateganywa n'itegeko ku bijyanye no kohereza imanza mu rundi rukiko. Kubijyanye n'uko ibintu bimeze hagati y'urega(ushinja) n'uregwa (n'ushinjwa) muri uru rubanza hari ubusumbane kuburyo ubu nta butabera buboneye bushoboka.

59.Hashingiwe ku rubanza rubanziriza urundi rwaaciwe kuwa 19/Werurwe/2013, Urukiko Rukuru rwasanze ko abajyanama b'uregwa ko aribo bavugana na Minisiteri y'Ubutabera ku bibazo bijyanye no kuroherezwa kubona ubushobozi (ku bijyanye n'amafranga) bwabafasha kuvugana n'abatangabuhanya bashinjura baba hanze y'igihugu.

60.Umushinga w'ingengo y'imari ujyanye nabyo woherejwe muri Ministeri kuva muri Kanama 2013, ariko nta gisubizo cyatanzwe.

54. Nkuko byagaragajwe haruguru, kuba Minisiteri y'Ubutabera yarananiwe guha ku ruhande rw'uregwa amafranga yo kwifashisha muri anketi (amaperereza) bishobora kugira ingaruka ku gihe n'uburyo bwo korohereza mu gutegura imyiregurire y'uregwa cyangwa ku buryo bwo kwitaba no kubazwa kw'abatangabuhanya bashinjura. Ibi nabyo biva ku bubasha bw'ingamba.

61.Aha ntibyari bikiri ikibazo cyo gusubika gishobora kongera gusuzumwa, ahubwo ni ikibazo cy'ubushobozi bufatika (amafaranga ahagije), Minisiteri y'Ubutabera yagaragaje ubushake buke bwo kuba yatanga amafranga ahagije mukuba yafasha uruhande rwiregura kuzuza inshingano zabo.

V. Ni ngombwa ko hashyirwaho umu avoka ushinzwe kunyunganira mu gukurikirana imigendekere (imiburanishirize) y'urubanza imbere y'izo mbogamizi

62.icyemezo cyafashwe na Minisiteri y'ubutabera yo kumbuza uburenganzira bwanje bwo guhagararirwa no kunganirwa bihungabanya amahame remezo nkuko agaragara mu Itegeko nshinga, n'andi mategeko mpuzamahanga yagaragajwe haruguru.

63.Byaba byiza gushyiraho umu avoka w'umukorerabushake kugirango amfashe gukurikirana imigendekere (imiburanishirize) muri izo mbogamizi muriyi procedure mbere ya mecanisme

UMWANZURO

64. Hashingiwe ku ngingo ya 6.6 ya sitati y'amabwiriza n'iya 14.c n'amabwiriza y'imiburanishirize n'ibimenyetso mu bihe byose nyuma y'uko icyemezo cyo kohereza cyafashwe mbere y'uko uregwa byemezwa ko ahamwan'icyaha cyangwa agirwa umwere n'urukiko rw'imbere mu gihugu. Urukiko rwa mbere rw'iremezo rushobora gukuraho no gusaba kumugaragaro kureka ikirego iyo ibigomba kuzuzwa bitariho ngo habeho koherezwa n'ijo biri mu nyungu z'ubutabera
65. **Muri uru rubanza, ubuyobozi bw'u Rwanda ntibwubahiriza ibyo bwari bwiyemeje n'uburyo ushinchwa yaburanishwagamo ntibuhuye nahato n'ubwo Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda rwashyizeho ubwo rwafataga icyemezo cyo kohereza uru rubanza mu Rwanda. Kubera iyo mpamvu, impamvu zo kohereza urubanza ntizakomeje kubaho.**
66. Ikirenze kuri ibyo Ubuyobozi bw'u Rwanda ntibwemerera ushinchwa ubwunganizi nyabwo (buhagije) nkuko buteganyijwe mu ngingo ya 14.6 y'itegeko rigenga ibyo kohereza imanza n'iya 14.3 ya PIDCP. Ibyo bikorwa binyuranye n'ibiteganywa n'ingingo za 19.2, 19.4 za sitati y'amabwiriza
67. Kubera ibyo byose, mu nyungu z'ubutabera, turasaba gutesha agaciro (Gukuraho) icyemezo cyo kohereza uru rubanza no kwiyambura ububasha k'Urukiko Rukuru.

**KUBERA IZO MPAMVU ZOSE , ARASABA JUJI PEREZIDA
(UMUCAMANZA MUKURU) MU RUKIKO RWA MICT**

KU BY'IBANZE

- Kwakira iki kirego no kwemeza ko gifite ishingiro kuri byose
- Kubona ko mu by'amategeko ibibazo byibajijwe mu kirego cyatanzwe kuwa 16/Nzeri/2013 bitigeze bisubizwa ko ahubwo ibantu bigenda birushaho kuba bibi umunsi kuwundi.
- Gushyiraho abajyanama b'abakorerabushake bashobora kunyunganira no kumpagararira mu bijyanye n'imiburanishirize ikiri murwego rw'a Mécanisme .
- Gukuraho icyemezo cyoherezaga uru rubanza mu Rwanda.
- Gushyiraho Urukiko rwa mbere rw'iremezo Mpuzamahanga rwo kuburanisha uru rubanza .

KUBY'UMUGEREKA

- Kwemeza uburenganzira ndakuka bw'uregwa bwo kunganirwa no guhagarirwa n'abunganizi y'ihiiyemo .
- Kuvanaho icyemezo cyafashwe na Ministère cyo gusesa amasezerano yakozwe hagati y'Urugaga rw'Abavoka n'abunganira Uwinkindi Jean kuwa 01 Ugushyingo 2013
- Gufata ingamba zatuma abunganizi bakora amaperereza ku batangabuhamya bashinjura bari hanze y'ighugu .

Fait à Kigali le 28 Décembre 201

UWINKINDI JEAN

Turasaba ko hafata ingamba za ngombwa kugira ngo ishyireho ukureshya kw'impande zombi muburyo bwose ikuraho icyemezo cyo gusesa

amasezerano yari hagati y'abajyanama b'ushinjwa na Minisiteri
y'Ubutabera.

Koroherezwa kw'abunganira Ushinjwa kugirango babashe kumenyana
n'abatangabuhanya baba hanze y'igihugu.

Bikorewe I Kigali kuwa 28/Ukuboza/ 2014

UWINKINDI JEAN 

REPUBLIQUE DU RWANDA



Kigali, 9 DEC 2014.....
N° 2086/68.25 MOK/LSD

MINISTÈRE DE LA JUSTICE
B.P 160 KIGALI
Tel: (250) 252586561 Fax: (250) 252586509
E-mail : mjust@minijust.gov.rw

Me NIYIBIZI Jean Baptiste
Avocat au Barreau du Rwanda
Kigali

Objet: Invitation à une réunion au Ministère de la Justice

Me Niyibizi,

Référence faite au contrat d'assistance et de représentation en justice vous liant au Ministère de la Justice depuis le 1^{er} novembre 2013, j'ai l'honneur de vous inviter à une réunion visant à discuter sur la révision dudit contrat conformément à son article 6 et à la politique d'aide juridique et judiciaire au Rwanda.

La réunion aura lieu au Ministère de la Justice le 4/12/2014 à 14h00.

Vous trouverez en annexe le projet de contrat révisé.

Franche collaboration.


KALIHANGABO Isabelle
Secrétaire Permanent/ Mandataire Générale Adjoint

CPI:

- Hon. Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux
- Monsieur le Bâtonnier, Barreau du Rwanda
Kigali

Website: www.minijust.gov.rw

Ndubonye nerurimintumva ntaruwo kubinsobenurina :


Ndubonye le 5/12/2014 Saa 3hr 40 pasteur Jean uusinkindi (signature)

MAITRE GATERA GASHABANA

TEL: 0788303744

ORDRE DES AVOCATS MAITRE NIYIBIZI JEAN BAPTISTE

POUR RECEPTION

Date : 09/12/2014
Signature : 

TEL: 0788502007

AVOCATS

Kigali, le 08/12/2014

Madame la Secrétaire Permanent/Mandataire

Générale Adjoint

KIGALI

Objet: Avis et observations sur le Projet

de contrat entre le MINIJUST et les Conseils de la Défense de
Uwinkindi Jean

Madame la Secrétaire Permanente .

Nous nous référons à notre rencontre du 04 Décembre 2014 ainsi qu'au projet du contrat, que vous nous avez transmis pour vous faire part dès observations et commentaires y relatifs :

D'entrée de jeu, nous vous signalons, que le même projet nous avait été transmis pour examen en date du 1er Novembre 2013. Nous avions en son temps considéré que le contenu dudit projet violait manifestement l'esprit et la lettre de l'Arrêt rendu par la Chambre d'appel près le Tribunal Pénal International pour le Rwanda ordonnant le transfert de l'Accusé UWINKINDI Jean devant les juridictions rwandaises



Bien plus, les montants retenus à l'article 4 dudit contrat sont bien en de ca des normes standards minima requis pour assurer la defense des Accusés devant les juridictions Internationales


Enfin en date du 1er Novembre 2013 vous nous aviez fait tenir un projet de contrat reprenant les mêmes clauses que celui ci, lequel avait été révoqué de commun accord raison pour laquelle nous nous étions convenus de conclure un nouveau contrat qui est en vigueur jusqu'à ce jour.

Notre position demeure inchangée et ne saurait dès lors être révoquée

A toutes fins utiles nous vous faisons tenir en annexe nos humbles avis et observations y relatifs et vous en souhaitons bonne réception

Vos biens dévoués

Maître Gatera Gashabana



C.P.I:

- Monsieur le Ministre de la justice
- Monsieur le Batonnier de l'Ordre des Avocats du Rwanda
- Monsieur le Président du Siège dans RP0002/12/HCCI: ONPJ C/UWINKINDI JEAN

Maître NIYIBIZI Jean Baptiste

Avis et Observations sur le Projet de contrat d'Assistance et Représentation en Justice

1. Le Barreau du Rwanda ayant l'aide légale dans ses prérogatives devrait être partie dans ce contrat. En effet parmis les obligations légales qui lui incombent figurent l' assistance judiciaire aux personnes démunies (Art.59 de la loi no 83/2013 du 11 Septembre 2013 portant creation de l'Ordre des Avocats au Rwanda et déterminant son organisation et son fonctionnement).
2. Bien plus au terme de l'Amicus Curiae signé par le Barreau de Kigali représenté par le Batonnier en date du 23 Janvier 2012 dans l'Affaire: le Procureur c/Uwinkindi Jean, case no TPIR-2005-89-R11 bis, spécialement en son paragraphe 25 (page 9), il est expressément stipulé que le fonds d'aide légale du Barreau de Kigali est alimenté essentiellement par les subsides du Gouvernement.
3. Dans son Affidavit signé dans l'affaire Munyagishari le 15/2/2011, le Ministre de la Justice a réaffirmé que son Ministère apporte son appui au programme d'aide judiciaire du Barreau aux accusés indigents dont les affaires sont renvoyées au Rwanda.
4. Aux termes de la Décision dans l'affaire no ICTR-2005-89-R 11 bis (par.141) du 6 Juin 2012 en cause: le Procureur c/ Uwinkindi Jean, la Chambre de 1ère Instance du TPIR a decide du renvoi sur base des allegations soutenues par le Procureur et le Barreau de Kigali qui ont affirmé que le droit à la représentation juridique est prévu dans la legislation rwandaise et garanti par un système d'aide judiciaire dont le financement est suffisamment assuré.
5. S'appuyant sur les arguments précités, les juges du TPIR ont estimé que les assertions factuelles de la Défense ne réfutent pas les déclarations écrites sous serment du Ministre de la justice et du Secrétaire Général de la Cour Suprême et ont considéré que l'assurance que des fonds suffisants seront alloués a été donnée de bonne foi. (par .153 de l'affaire cite ci-haut).
6. Les Juges du TPIR ont également réaffirmé le droit fondamental à la Défense en ces termes: «... s'il est fait entrave au travail de l'équipe de Défense de Uwinkindi Jean, de sorte qu'elle ne soit pas en mesure d'assurer efficacement la Défense de l'intéressé,l'ordonnance de renvoi sera annulée conformément à l'article 11 bis du Règlement» (par.170 de l'affaire dont references ci-avant).

My

7. Il en découle que les contributions financières du Gouvernement en faveur de l'Ordre des Avocats dans le domaine d'aide légale doivent transiter par les comptes du Barreau et non des Avocats raison pour laquelle le Barreau devrait être partie dans la procédure de conclusion du nouveau contrat.
8. S'agissant plus particulièrement de l'aide légale, la décision de la Chambre d'appel du TPIR dans l'affaire précitée (par.84) est on ne peut plus Claire: «.... si le Rwanda venait à ne pas allouer suffisamment de fonds, portant atteinte au droit de l'Accusé à un procès équitable, l'ordonnance de renvoi serait annulée».
9. Le projet de contrat qui a été soumis à notre appreciation renferme des ambiguïtés sur le nombre des Avocats à désigner dans un procès à caractère International: le Conseil Principal et le Co-Conseil. Ainsi,l'article 3.1. fait état des Conseils de la Défense, tandisque les places réservés aux parties et les signataires au contrat laissent transparaître la présence d'un seul Avocat. Dès lors, la question se pose de savoir comment un Avocat peut-il engager la responsabilité des autres? (art 64 de la loi no 45/2011 du 25/11/2011 régissant les contrats).
10. Le montant des honoraires de 15.000.000frw prévus pour toutes les procédures judiciaires à l'article 4 de ce projet de convention avait été rejeté par les parties y compris même le Ministère de la Justice. Pourquoi aujourd'hui revenir sur ce montant dont la modicité et le caractère dérisoire ne sont plus à démontrer.

1º La durée moyenne des procédures judiciaires dans les procès à caractère international est de 5ans.

Dans cette hypothèse, les 2 Avocats désignés: le Conseil Principal et le Co-Conseil auraient presté leurs services dans le passif de gestion de leurs cabinets respectifs avec pour grave conséquence de tomber en déconfiture.

En effet, les honoraires mensuels attribués à chacun d'eux seraient

De 15.000.000frw =125.000frw

2x12x5

Le montant ainsi évalué ne saurait couvrir les dépenses de fonctionnement mensuel d'un cabinet d'Avocat.

my

2° L'hypothèse des procédures d'aveux et plaidoyer de culpabilité n'a pas été envisagée par le MINIJUST qui pourrait débloquer le même montant de 15.000.000frw aux Avocats qui auraient presté leurs offices pendant un délai ne dépassant pas 1 mois

3° Il existe cependant des references dignes de foi pour ne pas se tromper notamment:

